	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR165I174v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : MARACUJA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA AGRICOLE/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	4

MARAKUJA (INTABABARA/AMATUNDA)

1. Aho intababara zihingwa : zihingwa mu gihugu hose.

2. Ubutaka : igihingwa gikunda ubutaka buseseka, bufite ifumbire kandi butarimo amazi menshi.

3. Amoko yamamazwa : hari Passiflora edulis (isine) na Passiflora flavocarpa (umuhondo).

4. Uburyo bwo gutubura ingemwe z'intababara: hari uburyo 4 bwo kubona ingemwe:

* Kwinaza mu buhumbikiro: Babiba utubuto (tutaruma) mu ruhumbikiro rusakaye, mu tugende dutandukanyijwe na cm 10, tukamera nyuma y'iibyumweru 3 cyangwa 4. Bagemurira mu bihoho ingemwe zifite nka cm 30;
* Kubiba utubuto mu murima: hashyirwa utubuto 5 cyangwa 6 mu kobo mu murima, nyuma y'iminsi hafi 30 baricira bagasiga urugemwe 1.
* Gukoresha ingeri: bakoresha ingeri ya 30 cm ifite ingingo 3 cyangwa 4. Zishobora gushyirwa mu buhumbikiro busakaye cyangwa mu murima, hatabwa 2/3 by'ingeri.
* Kubyarura: bataba mu butaka igipande cy'igiti cy'intababara.

5. Gutegura umurima

* Kurwanya isuri.
* Guhinga neza umurima no gutunganya ahazajya ingemwe hafite 50cmx50cm ku giti kimwe, icyerekezo cy'uruzitiro intababara zizuririraho kikaba mu kinyuranyo cy'ubucurame bw'umurima. Cyangwa uburebure bw'uturima duhinzweho marakuja bujya mu cyerekezo cy'uruzitiro ruvuzwe haruguru.
* Hagati y'mirongo hashobora guhingwamo ibyatsi bitwikira ubutaka nka

6. Gufumbira :

* Bashyira 30 kg z'ifumbire y'imborera iboze neza mu mwobo uzaterwamo intababara
* Bakongeramo 500 g za NPK 17.17.17, kandi bigakorwa buri mwaka iyo yatangiye kwera imbuto.

7. **Igerambuto**

Batera kuri m 2 hagati y'imirongo/inzitiro marakuja zuririraho, no kuri m 3 hagati y'urugemwe n'urundi.

Batera ingemwe 1 600 kuri Hahe cyo gutera: ingemwe cyangwa ingeri zitegurwa muri Kamena; kuzitera bigakorwa muri Nzeri-Ukwakira.

8. Gufata neza intababara mu mirima

* Kuzubakira ingazi: hakoreshwa inginga z'ibiti bifite 2,70 m z'uburebure, 15 cm z'umurambararo; bagataba 60 cm mu butaka; ukazihuza hejuru n'urubariro rw'igiti cyangwa utugozi tw'icyuma twa cm 14 z'umurambararo kandi tureze cyane; hagati y'ingeri z'ibiti ni m 6. icyerekezo cy'umurongo w'izo ngeri kigomba kuba kimwe ni cy'umuyaga wiganje mu mirima. Hashobora no kubakwa imbariro 2 hejuru y'ingeri zihujwe n'agati gafite ubugari bwa cm 50 cyangwa utugozi tw'utwuma; ibyo bituma amashami adakora igihuru kandi bigatanga umusaruro mwinshi.
* Ni ngombwa gufasha urugemwe kurira rukagera kuri twa tugozi, ushyira hagati y'urugemwe n'utugozi umuhembezo;
* Kubagara no gusasira;
* Gukata Marakuja;
* Ikata ritereka igiti: hatoranywa ibishibu 2 bitarangwaho indwara, ibindi bigakatwa;
* Ikata rituma igiti cyera neza: bakata imitwe hejuru y'utujisho tuzabyara andi mashami, bituma igiti gikura vuba.
* Gukata udushami tutagifite imbuto cyangwa twangiritse
* Ikata risazura igiti: gukatira igiti kuri cm 30 uvuye ku butaka iyo umusaruro utangiye kugabanuka.
* Kurwanya indwara n'ibyonnyi hakoreshejwe amoko yihanganira indwara no gutera imiti.

9. Ibyonnyi by'ingenzi n'indwara by'intababara

a) Inyoni n'imbeba: Ibi byonnyi byangiza marakuja cyane zirya indabo cyangwa imbuto (inyoni) naho imbeba zurira imigozi zikarya imbuto zihiye cyangwa zigakata ingemwe mu mizi cyangwa ku munigo.

Gukumira no kurwanya Indwara y'intababara

: Kurinda umurima birukana inyoni, imbeba bakazitega.

b) Indwara y'ububuye (Passion fruit woodness virus, PWV): ni indwara iterwa n'umugera wa virus. Iyo virus ikwirakwizwa n'udukoko bita inda (alphis), abantu n'ibikoresho byo mu murima nk'ibyuma n'amasuka n'ibindi.

Ibimenyetso:
Uruhu rw'intababara rukomeye nk'ibuye rimwe na rimwe rubyimbye; amatunda aba mato cyane kandi ntagire umutobe, amababi agaragaza ububembe butewe na virus. Amababi arapfunyarara, agafatwa n'irungu (clorose).

Guyikumira no kuyirwanya: gukoresha imbuto nzima, kurandura no gutwika ibiti byose byafashwe.

c) Ibidomo by'ibijuju: iterwa n'agahumyo bita *Alternaria passifloracea.*
Ibimenyetso:
Igaragazwa n'ibice by'amarakuja byafashwe hazaho ububabuke bw'uruziga bufite ibara ry'ikijuju kandi ku matunda ibidomo byinjiramo maze yakara igatuma amatunda abora.
Uko bayirwanya: gukata amashami mabi adafite akamaro, ayafashwe n'indwara no kuyashyira mu kimpoteri.

d) Indwara y'ibidomo ya sebutoriyoze (Septoria passiflorae): ni indwara iterwa n'agahumyo.

Ibimenyetso:
Ibidomo bito bito bw'igihogo ku mababi, ku migozi no ku mbuto (fruit), ubwo ibidomo bitanga ikibara kinini maze amatunda agahisha nabi cyangwa akabora kandi agatanga umutobe utaryoshye. Ubwo burwayi butera guhunguka kw'amababi n'amatunda, ibiti bigasaza imbura gihe. Ikwirakwizwa n'imbuto, ingemwe zirwaye, ibiti byegeranye (z'ibihuru) biranduzanya. Indwara ikura cyane mu gihe cy'imvura kivanze n'imicyo y'izuba.

e) Indwara ya Mozayike y'inzuzi (Cucumber Mosaic virus) iyi ndwara iterwa n'umugera wa virusi. Nubwo itarakwira cyane itera nk'indwara y'ububuye.

Ibimenyetso: Igaragazwa n'amababi azinze yihinahinnye cyane ku mutwe, azana ibara ry'umuhondo, igihingwa cyose gikura nabi. Amatunda yeze ahisha nabi.

Uko twarwanya indwara: Guhitamo aho igihingwa kiberanye no gutera: guhitamo no gutunganya imbuto zo guhumbika, kugira isuku mu murima, mu buhumbikiro no muri pepiniyeri, kubakira, gutera, gusasira, kuyobora no gukata marakuja, ikindi n'ukwitondera kudakomeretsa igihingwa mu mizi yacyo, gufumbira cyane cyane n'ifumbire y'imborera (kg 20-25 buri mwaka ku giti kimwe).

10. Igihe byerera:

* Marakuja itangira kwera nyuma y'amezi 8 - 10 itewe, ishobora kumara imyaka 4 cyangwa irengaho gato itanga umusaruro bitewe n'umurumbuko mwiza w'ubutaka.

11. Gusarura no guhunika:

o Nkuko byavuzwe haruguru, Marakuja zitangira gusarurwa nyuma y'amezi 8 zitewe, igiti kimwe kigatanga 12 kg z'imbuto buri mwaka. Marakuja zifashwe neza zitanga 20 toni z'umusaruro kuri Ha.

o Imbuto zeze neza zibikwa mu gihe kitari kirekire kuri 20°C n'ubuhehere bwa 80-90%. umutobe n'umushongi bikabikika neza kurusha.